

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

A. Amategeko / Laws / Lois

N° 14/2013 ryo kuwa 25/03/2013

Itegeko rigena imitunganyirize n'imikorere by'Intara.....3

N° 14/2013 of 25/03/2013

Law determining the organisation and functioning of the Province.....3

N° 14/2013 du 25/03/2013

Loi portant organisation et fonctionnement de la Province.....3

N° 18/2013 ryo kuwa 25/03/2013

Itegeko ryemerera kwemeza burundu Amasezerano adahatirwa y'injongera ku masezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira ku bijyanye n'ubukungu, imibereho myiza n'umuco, yemejwe n'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye, i New York kuwa 10 Ukuboza 2008.....18

N° 18/2013 of 25/03/2013

Law authorising the ratification of the Optional Protocol to the international covenant on economic, social and cultural rights, adopted by the United Nations General Assembly, in New York on 10 December 2008.....18

N° 18/2013 du 25/03/2013

Loi autorisant la ratification du Protocole Facultatif au Pacte International sur les droits économiques, sociaux et culturels, adopté par l'Assemblée Générale de l'Organisation des Nations Unies, à New York en date du 10 décembre 2008.....18

B. Imiryango idaharahira inyungu / Non profit making associations / Association sans but lucratif

N° 35/08.11 ryo kuwa 22/02/2012

Iteka rya Minisitiri riha ubuzimagatozi umuryango « EGLISE EVANGELIQUE Guilgal au Rwanda :“E.E.G.R., » kandi ryemera Abavugizi bawo.....22

N° 35/08.11 of 22/02/2012

Ministerial Order granting legal status to the association « EGLISE EVANGELIQUE Guilgal au Rwanda :“E.E.G.R., » and approving its Legal Representatives.....22

N° 35/08.11 du 22/02/2012

Arrêté Ministériel accordant la personnalité civile à l'association «EGLISE EVANGELIQUE Guilgal au Rwanda :“E.E.G.R., » et portant agrément de ses Représentants Légaux.....22

N° 127/08.11 ryo kuwa 12/10/2009

Iteka rya Minisitiri riha ubuzimagatozi umuryango « ASSOCIATION DES PARENTS POUR LA FORMATION ET EDUCATION DES ENFANTS (APAFE) » kandi ryemera Abavugizi bawo.....43

N° 127/08.11 of 12/10/2009

Ministerial Order granting legal status to the « ASSOCIATION DES PARENTS POUR LA FORMATION ET EDUCATION DES ENFANTS (APAFE) » and approving its Legal Representatives.....43

N° 127/08.11 du 12/10/2009

Arrêté Ministériel accordant la personnalité civile à l'« ASSOCIATION DES PARENTS POUR LA FORMATION ET L'EDUCATION DES ENFANTS (APAFE) » et portant agrément de ses Représentants Légaux.....43

C. Amasosiyete y'ubucuruzi / Companies / Sociétés commerciales

- **SULFO RWANDA INDUSTRIES LTD:**
Procès-Verbal de la réunion de l'Assemblée Générale Ordinaire du 08/03/2013.....58
- **HATTON AND COOKSON-RWANDA LTD:**
Procès-Verbal de la réunion de l'Assemblée Générale Ordinaire du 08/03/2013.....62

D. Guhindura amazina / Alteration of names / Changement de noms

Ingingo z'ingenzi z'urwandiko rwa:

- TURABUMUKIZA Emma.....65
- TWIZERE NIRERE Agnès.....66

E. Amakoperative / Cooperatives / Coopératives

- URUMURI RWA MUKUYU.....67
- JYAMBERE DUHAHIRANE.....68
- SACCO TUZIGAMIRE ABACU - KIVUMU.....69
- COOPEC I.T.I.....70
- VISION FOR DEVELOPMENT COOPERATIVE.....71
- KOTWORU.....72
- KOABABI.....73
- ABAKUNDABUZIMA BA SHYOGWE.....74
- KOAAKIBU.....75
- ABAHUJAKAZI.....76
- TUREBIMBERE KIGUFI.....77
- CCDT.....78
- COOPAANAGA.....79
- COTVMU.....80
- KOTWIHA.....81
- COOBAMU.....82
- KUABIMU.....83
- UMUSANGIRO W'AKEZA.....84
- INDEMARUHIMBI – NYABIRASI.....85
- ABAZATSINDA.....86
- REBAKURE FUMBWE.....87
- ABAHUUJUMUGAMBI MUYUMBU.....88
- UCOTHESN.....89
- R.MUSH.COPE.....90
- KOHIA.....91
- NOZA AGASEKE.....92

ITEGEKO N°14/2013 RYO KUWA 25/03/2013 RIGENA IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BY'INTARA
LAW N°14/2013 OF 25/03/2013 DETERMINING THE ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE PROVINCE
LOI N° 14/2013 DU 25/03/2013 PORTANT ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE LA PROVINCE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere : icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier : Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Intara

Article 2: Province

Article 2 : Province

UMUTWE WA II: INSHINGANO Z'INTARA

CHAPTER II: RESPONSIBILITIES OF THE PROVINCE

CHAPITRE II: ATTRIBUTIONS DE LA PROVINCE

Ingingo ya 3: Inshingano z'Intara

Article 3: Responsibilities of the Province

Article 3 : Attributions de la Province

UMUTWE WA III: IMITUNGANYIRIZE Y'INTARA

CHAPTER III: ORGANISATION OF THE PROVINCE

CHAPITRE III: ORGANISATION DE LA PROVINCE

Ingingo ya 4: Inzego z'Intara

Article 4: Organs of the Province

Article 4 : Organes de la Province

Icyiciro cya mbere: Guverineri w'Intara

Section One: Governor of Province

Section première : Gouverneur de Province

Ingingo ya 5: Guverineri w'Intara

Article 5: Governor of Province

Article 5 : Gouverneur de Province

Ingingo ya 6: Inshingano za Guverineri w'Intara

Article 6: Responsibilities of the Governor of Province

Article 6 : Attributions du Gouverneur de Province

Ingingo ya 7: Kugenzura ibyemezo byafashwe n'Inama Njyanama y'Akarere

Article 7: Consideration of decisions taken by the District Council

Article 7: Examen des décisions prises par le Conseil de District

Official Gazette n° 19 of 13/05/2013

<u>Ingingo ya 8:</u> Inama ihuza Guverineri, Komite Nyobozi na Biro y’Inama Njyanama by’Akarere	<u>Article 8:</u> Meeting bringing together the Governor, the Executive Committee and the Bureau of the District Council	<u>Article 8 :</u> Réunion regroupant le Gouverneur, le Comité Exécutif et le Bureau du Conseil de District
<u>Ingingo ya 9:</u> Ishyirwaho n’ivanwaho rya Guverineri w’Intara	<u>Article 9:</u> Appointment and removal of the Governor of Province from office	<u>Article 9 :</u> Nomination et révocation du Gouverneur de Province
<u>Icyiciro cya 2:</u> Ubunyamabanga Nshingwabikorwa	<u>Section 2:</u> Executive Secretariat	<u>Section 2:</u> Secrétariat Exécutif
<u>Ingingo ya 10:</u> Imiterere y’Ubunyamabanga Nshingwabikorwa	<u>Article 10:</u> Structure of the Executive Secretariat	<u>Article 10 :</u> Structure du Secrétariat Exécutif
<u>Ingingo ya 11:</u> Inshingano z’Umunyamabanga Nshingwabikorwa	<u>Article 11:</u> Responsibilities of the Executive Secretary	<u>Article 11 :</u> Attributions du Secrétaire Exécutif
<u>Ingingo ya 12:</u> Ishyirwaho n’ivanwaho ry’Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Intara	<u>Article 12:</u> Appointment and removal of the Executive Secretary of Province from office	<u>Article 12:</u> Nomination et révocation du Secrétaire Exécutif de Province
<u>Ingingo ya 13:</u> Ibigenerwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa	<u>Article 13:</u> Benefits allocated to the Executive Secretary	<u>Article 13 :</u> Avantages accordés au Secrétaire Exécutif
<u>UMUTWE WA IV:</u> IMIKORERE Y’INTARA	<u>CHAPTER IV:</u> FUNCTIONING OF THE PROVINCE	<u>CHAPITRE IV:</u> FONCTIONNEMENT DE LA PROVINCE
<u>Ingingo ya 14:</u> Imitunganyirize y’imirimo y’Intara	<u>Article 14:</u> Organizational structure of the Province	<u>Article 14 :</u> Structure organisationnelle de la Province
<u>Ingingo ya 15:</u> Inyandiko zitumira Guverineri n’abakozi b’Intara	<u>Article 15:</u> Notices of meeting addressed to the Governor and staff members of the Province	<u>Article 15 :</u> Invitations adressées au Gouverneur et au personnel de la Province
<u>Ingingo ya 16:</u> Inyandiko z’akazi	<u>Article 16:</u> Official correspondence	<u>Article 16 :</u> Correspondances officielles
<u>Ingingo ya 17:</u> Komite y’Umutekano	<u>Article 17:</u> Security Committee	<u>Article 17 :</u> Comité de Sécurité

UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA

CHAPTER V: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 18: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Article 18: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 18 : Initiation, examen et adoption de la présente loi

Ingingo ya 19: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Article 19: Repealing provision

Article 19: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 20: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Article 20: Commencement

Article 20:Entrée en vigueur

Official Gazette n° 19 of 13/05/2013

ITEGEKO N°14/2013 RYO KUWA 25/03/2013 RIGENA IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BY'INTARA

LAW N°14/2013 OF 25/03/2013 DETERMINING THE ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE PROVINCE

LOI N° 14/2013 DU 25/03/2013 PORTANT ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE LA PROVINCE

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République,

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 25 Ukwakira 2012;

The Chamber of Deputies, in its session of 25 October 2012;

La Chambre des Députés, en sa séance du 25 octobre 2012. ;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 08 Gashyantare 2013;

The Senate, in its session of 08 February 2013;

Le Sénat, en sa séance du 08 février 2013;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 3, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108, iya 113, iya 118, iya 167 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 3, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 113, 118, 167 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 3, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 113, 118, 167 et 201;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 29/2005 ryo kuwa 31/12/2005 rigena inzego z'imitegekere y'Igihugu cy'u Rwanda nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu;

Pursuant to Organic Law n° 29/2005 of 31/12/2005 determining the administrative entities of the Republic of Rwanda as modified and complemented to date;

Vu la Loi Organique n° 29/2005 du 31/12/2005 portant organisation des entités administratives de la République du Rwanda telle que modifiée et complétée à ce jour;

Official Gazette n° 19 of 13/05/2013

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 05/2012/OL ryo kuwa 03/09/2012 rishyiraho ibigenerwa Abanyapolitiki Bakuru b'Igihugu;

Pursuant to Organic Law n° 05/2012/OL of 03/09/2012 determining allowances and other fringe benefits for State High Political Leaders;

Vu la Loi Organique n° 05/2012/OL du 03/09/2012 déterminant les indemnités et les avantages alloués aux Hauts Mandataires Politiques de l'Etat;

Isubiye ku Itegeko n° 01/2006 ryo kuwa 24/01/2006 rigenga imitunganyirize n'imikorere by'Intara;

Having reviewed Law n° 01/2006 of 24/01/2006 establishing the organization and functioning of the Province;

Revu la Loi n° 01/2006 du 24/01/2006 portant organisation et fonctionnement de la Province;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE :

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier : Objet de la présente loi

Iri tegeko rigena imitunganyirize n'imikorere by'Intara.

This Law determines the organization and functioning of the Province.

La présente loi détermine l'organisation et le fonctionnement de la Province.

Ingingo ya 2: Intara

Article 2: Province

Article 2 : Province

Intara ni urwego rw'imitegekere y'Igihugu cy'u Rwanda. Ubuyobozi bwayo buhagarariye ubutegetsi bwa Leta. Ifite ubwigenge mu micungire y'ingengo y'imari yayo.

The Province is an administrative entity of the Republic of Rwanda. Its administration represents the State. It shall have autonomy in the management of its budget.

La Province est une entité administrative de la République du Rwanda. Son administration représente l'Etat. Elle jouit d'une autonomie de gestion de son budget.

**UMUTWE WA II: INSHINGANO
Z'INTARA**

**CHAPTER II: RESPONSIBILITIES OF
THE PROVINCE**

**CHAPITRE II : ATTRIBUTIONS DE LA
PROVINCE**

Ingingo ya 3: Inshingano z'Intara

Article 3: Responsibilities of the Province

Article 3 : Attributions de la Province

Intara ifite inshingano zikurikira:

The Province shall have the following responsibilities:

La Province a les attributions suivantes :

1° gukurikirana no kugira inama Uturere mu

1° to supervise and advise Districts on the

1° superviser et conseiller les Districts dans

Official Gazette n° 19 of 13/05/2013

ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za Leta;	implementation of Government programs;	l'exécution des programmes de l'Etat;
2° gukorera Uturere ubuvugizi;	2° to carry out advocacy for Districts;	2° faire le plaidoyer en faveur des Districts;
3° kugira inama Uturere ku bikorwa by'amajyambere;	3° to advise Districts on development activities;	3° conseiller les Districts sur les activités de développement;
4° kwita ku bikorwa byo kubungabunga umutekano w'abantu n'ibintu.	4° to oversee activities designed to maintain the safety of persons and property.	4° veiller aux activités de maintien de la sécurité des personnes et des biens.

UMUTWE WA III: IMITUNGANYIRIZE Y'INTARA

CHAPTER III: ORGANISATION OF THE PROVINCE

CHAPITRE III: ORGANISATION DE LA PROVINCE

Ingingo ya 4: Inzego z'Intara

Article 4: Organs of the Province

Article 4 : Organes de la Province

Inzego z'Intara ni izi zikurikira:

The organs of the Province shall be the following:

Les organes de la Province sont les suivants:

- 1° Guverineri;
- 2° Ubunyamabanga Nshingwabikorwa.

- 1° The Governor;
- 2° The Executive Secretariat.

- 1° Le Gouverneur ;
- 2° le Secrétariat Exécutif.

Icyiciro cya mbere: Guverineri w'Intara

Section One: Governor of Province

Section première : Gouverneur de Province

Ingingo ya 5: Guverineri w'Intara

Article 5: Governor of Province

Article 5 : Gouverneur de Province

Guverineri w'Intara ahagarariye Leta mu Ntara kandi ni we ushinzwe guhuza ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano z'Intara.

The Governor of Province shall be the representative of the State in the Province and responsible for the coordination of the fulfillment of the responsibilities of the Province.

Le Gouverneur de Province est le représentant de l'Etat dans la Province et est chargé de la coordination de l'accomplissement des attributions de la Province.

Ashobora guha umwe mu bakozi b'Intara bumwe mu bubasha bwe, mu nyandiko kandi abyishingiye.

He/she may delegate in writing some of his/her powers to a member of staff of the Province and stand as a guarantor for the exercise of delegated powers.

Il peut déléguer par écrit certains de ses pouvoirs à un membre du personnel de la Province et se porter garant de l'exercice des pouvoirs délégués.

Mu mirimo ye ya buri muni, afashwa

He/she shall be assisted by the Executive

Il est assisté par le Secrétariat Exécutif dans

Official Gazette n° 19 of 13/05/2013

n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa.	Secretariat while performing his/her daily duties.	l'exercice de ses fonctions quotidiennes.
Guverineri w'Intara akuriwe na Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze.	The Governor of Province shall be under the authority of the Minister in charge of Local Government.	Le Gouverneur de Province est placé sous l'autorité du Ministre ayant l'Administration Locale dans ses attributions.
<u>Ingingo ya 6: Inshingano za Guverineri w'Intara</u>	<u>Article 6: Responsibilities of the Governor of Province</u>	<u>Article 6: Attributions du Gouverneur de Province</u>
Guverineri w'Intara afite inshingano zikurikira:	The Governor of Province shall have the following responsibilities:	Le Gouverneur de Province a les attributions suivantes :
1° kuyobora inzego z'imirimo ya Leta ku Ntara;	1° to lead the State organs at the Provincial level;	1° diriger les organes de l'Etat au niveau de la Province ;
2° kugira inama inzego z'ibanze mu mikorere yazo;	2° to provide advice to local entities in respect of their functioning;	2° donner des conseils aux instances de base en ce qui concerne leur fonctionnement;
3° kugira inama Uturere mu bijyanye no kubungabunga umutekano w'abantu n'ibintu;	3° to advise Districts with respect to the maintenance of the safety of persons and property;	3° conseiller les Districts en ce qui concerne le maintien de la sécurité des personnes et des biens;
4° kumenyesha ubuyobozi bukuru bw'Igihugu uko Intara iteye n'ikiyibayemo cyose gikwiye kwitabwaho;	4° to inform the country's highest authorities on the state of the Province and anything happening in the Province that warrants their attention;	4° informer les hautes autorités du Pays sur l'état de la Province et tout ce qui s'y passe qui mérite leur attention ;
5° gutumiza no kuyobora inama ya Komite y'umutekano;	5° to convene and chair the meeting of the Security Committee;	5° convoquer et diriger la réunion du Comité de Sécurité ;
6° gutanga raporo ku mikorere y' Intara n'Uturere tuyigize;	6° to report on the functioning of the Province and its Districts;	6° faire rapport sur le fonctionnement de la Province et de ses Districts;
7° kugenzura ishyingirwa mu bikorwa rya gahunda yemejwe;	7° to monitor the implementation of the adopted program;	7° contrôler la mise en œuvre du programme adopté;

Official Gazette n° 19 of 13/05/2013

- 8° gutumiza rimwe mu mwaka n'ikindi gihe cyose bibaye ngombwa inama nyunguranabitekerezo ihuza abayobozi batandukanye b'inzego za Leta cyangwa ihuza abayobozi b'inzego za Leta n'iz'abikorera bakorera mu Ntara;
- 8° to convene once a year and whenever necessary a consultative meeting bringing together different authorities of public organs or bringing together authorities of public organs and leaders of the public sector based in the Province;
- 8° convoquer une fois par an et chaque fois que de besoin une réunion consultative annuelle regroupant différentes autorités des organes de l'Etat ou regroupant les autorités des organes de l'Etat et les responsables du secteur privé basés dans la Province;
- 9° gukora indi mirimo iri mu nshingano ze yasabwa n'inzego zimuyobora.
- 9° to perform such other tasks within the scope of his/her duties as may be assigned to him/her by his/her superior authorities.
- 9° exécuter toutes autres tâches relevant de ses fonctions qui pourraient lui être assignées par ses autorités hiérarchiques.

Ingingo ya 7: Kugenzura ibyemezo byafashwe n'Inama Njyanama y'Akarere

Guverineri w'Intara agenzura ibyemezo byafashwe n'Inama Njyanama y'Akarere ariko ntabivuguruzwa keretse iyo binyuranyije n'amategeko cyangwa amabwiriza rusange agenga Igihugu.

Iyo nyuma y'iminsi irindwi (7) ntacyo abivuzeho bishyirwa mu bikorwa uko byakabaye.

Ingingo ya 8: Inama ihuza Guverineri, Komite Nyobozi na Biro y'Inama Njyanama by'Akarere

Inama ihuza Guverineri, Komite Nyobozi na Biro y'Inama Njyanama by'Akarere ibera mu Karere, ikayoborwa na Guverineri kandi Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'ako Karere akayibera umwanditsi. Iyo nama iterana rimwe mu mezi atandatu (6) n'igihe cyose bibaye ngombwa.

Article 7: Consideration of decisions taken by the District Council

The Governor of Province shall consider decisions taken by the District Council but shall not countermand them unless they are contrary to the laws and general regulations governing the Country.

Once seven (7) days have elapsed without having given his/her opinion, such decisions shall be applied as such.

Article 8: Meeting bringing together the Governor, the Executive Committee and the Bureau of the District Council

The meeting bringing together the Governor, the Executive Committee and the Bureau of the District Council shall take place in the District and be presided over by the Governor while the Executive Secretary of that District shall serve as its rapporteur. Such a meeting shall be held once every six (6) months and whenever necessary.

Article 7: Examen des décisions prises par le Conseil de District

Le Gouverneur de Province examine les décisions prises par le Conseil de District mais ne peut les contredire à moins que ces décisions soient contraires aux lois et règlements généraux régissant le pays.

Passé un délai de sept (7) jours sans s'y prononcer, ces décisions sont appliquées telles quelles.

Article 8: Réunion regroupant le Gouverneur, le Comité Exécutif et le Bureau du Conseil de District

La réunion regroupant le Gouverneur, le Comité Exécutif et le Bureau du Conseil de District se tient dans le District et est présidée par le Gouverneur, et le Secrétaire Exécutif dudit District en est le rapporteur. Cette réunion se tient une fois tous les six (6) mois et chaque fois que de besoin.

Imyanzuro y'inama yahuje Guverineri n'abagize Komite Nyobozi na Biro y'Inama Njyanama y'Akarere yoherezwa Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) inama iteranye.

Resolutions from the meeting between the Governor and members of the Executive Committee and the Bureau of the District Council shall be sent to the Minister in charge of Local Government within a period not exceeding seven (7) days from the holding of the meeting.

Les résolutions issues de la réunion regroupant le Gouverneur, les membres du Comité Exécutif et le Bureau du Conseil de District sont envoyées au Ministre ayant l'Administration Locale dans ses attributions dans un délai ne dépassant pas sept (7) jours à compter de la tenue de la réunion.

Mu gihe kitarenze iminsi icumi (10) y'akazi imugezeho, Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze ashobora kugira icyo ayivugaho.

The Minister in charge of Local Government may give his/her opinion on such resolutions within a period not exceeding ten (10) working days from the date of their receipt.

Le Ministre ayant l'Administration Locale dans ses attributions peut se prononcer sur ces résolutions dans un délai ne dépassant pas dix (10) jours ouvrables à compter de la date de leur réception.

Ingingo ya 9: Ishyirwaho n'ivanwaho rya Guverineri w'Intara

Article 9: Appointment and removal of the Governor of Province from office

Article 9: Nomination et révocation du Gouverneur de Province

Guverineri w'Intara ashwirwa mu mirimo n'Iteka rya Perezida byemejwe n'Umutwe wa Sena.

The Governor of Province shall be appointed by a Presidential Order upon approval by the Senate.

Le Gouverneur de Province est nommé par arrêté présidentiel après approbation par le Sénat.

Guverineri w'Intara avanwa ku mirimo ye n'Iteka rya Perezida.

The Governor of Province shall be removed from office by a Presidential Order.

Le Gouverneur de la Province est démis de ses fonctions par arrêté présidentiel.

Icyiciro cya 2: Ubunyamabanga Nshingwabikorwa

Section 2: Executive Secretariat

Section 2: Secrétariat Exécutif

Ingingo ya 10: Imiterere y'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa

Article 10: Structure of the Executive Secretariat

Article 10: Structure du Secrétariat Exécutif

Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Intara bugizwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'abandi bakozi bashyirwaho hakurikijwe amategeko abigenga.

The Executive Secretariat of Province shall consist of the Executive Secretary and other staff members recruited in accordance with relevant laws.

Le Secrétariat Exécutif de la Province est composé du Secrétaire Exécutif et d'autres membres du personnel recrutés conformément aux lois en la matière.

Abakozi b'Intara bagengwa na sitati rusange

The personnel of the Province shall be

Le personnel de la Province est régi par le

Official Gazette n° 19 of 13/05/2013

igenga abakozi ba Leta n'inzege z'imirimu ya Leta.	governed by the General Statutes for Rwanda Public Service.	Statut Général de la Fonction Publique Rwandaise.
<u>Ingingo ya 11: Inshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa</u>	<u>Article 11: Responsibilities of the Executive Secretary</u>	<u>Article 11: Attributions du Secrétaire Exécutif</u>
Umunyamabanga Nshingwabikorwa ashinzwe ibi bikurikira:	The Executive Secretary shall have the following responsibilities:	Le Secrétaire Exécutif a les attributions suivantes:
1° gutanga amabwiriza ku bakozi b'Intara, guhuza no kugenzura ibikorwa byabo;	1° to give instructions to the staff of the Province, coordinate and supervise their activities;	1° donner des directives au personnel de la Province, coordonner et superviser leurs activités ;
2° gutegura igenamigambi ryo ku rwego rw'Intara no gukurikirana uko rishyirwa mu bikorwa;	2° to prepare the planning at the Provincial level and monitor its implementation;	2° préparer la planification au niveau de la Province et faire le suivi de son exécution ;
3° gusuzuma amadosiye n'izindi nyandiko zigomba kwemezwa cyangwa gushyirwaho umukono na Guverineri w'Intara ;	3° to review the files and other documents to be approved or signed by the Governor of Province;	3° étudier les dossiers et autres documents qui sont approuvés ou signés par le Gouverneur de Province ;
4° kuba Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga ingengo y'imari y'Intara akora cyane cyane imirimu ikurikira:	4° to serve as the chief budget manager of the Province by performing particularly the following duties:	4° être le gestionnaire principal du budget de la Province en assumant particulièrement les fonctions suivantes:
a. gukurikirana iyinjira n'isohoka ry'amafaranga ku rwego rw'Intara ;	a. to monitor the inflows and outflows of funds at the Provincial level;	a. faire le suivi des entrées et sorties de fonds au niveau de la Province;
b. gukurikirana imikoreshereze y'umutungo w'Intara no guha Guverineri w'Intara raporo;	b. to monitor the use of the property of the Province and make a report thereon to the Governor of Province;	b. faire le suivi de l'utilisation du patrimoine de la Province et en faire rapport au Gouverneur de Province;
5° gukurikirana imirimu ikorerwa ku rwego rw'Intara;	5° to monitor activities that are carried out at the Provincial level;	5° faire le suivi des activités qui sont réalisées au niveau de la Province;
6° gukurikirana itangwa ry'amasoko ku rwego rw'Intara;	6° to follow up closely the award of tenders at the Provincial level;	6° faire le suivi de l'attribution des marchés au niveau de la Province ;

Official Gazette n° 19 of 13/05/2013

7° gukurikirana no kuzenzura imishinga ihuriweho n'Uturere;	7° to track and control projects covering more than one District;	7° assurer le suivi et le contrôle des projets regroupant plus d'un District;
8° kwita ku ikoranabuhanga n'ubumenyi by'abakozi b'Intara no kubongerera ubushobozi;	8° to promote technologies and knowledge of the staff of the Province and build their capacity;	8° promouvoir les technologies et les connaissances du personnel de la Province et renforcer leurs capacités;
9° gusimbura Guverineri w'Intara iyo adahari;	9° to deputize for the Governor of Province in case of absence;	9° remplacer le Gouverneur de Province en son absence ;
10° kuyobora no guha amanota ku rwego rwa mbere abakozi b'Intara ;	10° to supervise and carry out first-level performance assessment of the staff of the Province;	10° diriger et coter au premier degré le personnel de la Province ;
11° gutegura umushinga wa gahunda y'ibikorwa by'Intara akawushyikiriza Guverineri w'Intara na we akawushyikiriza Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze kugira ngo awemeze;	11° to prepare the draft planning of activities of the Province and transmit it the Governor of Province who in turn transmit it to the Minister in charge of local government;	11° préparer le projet de planification des activités de la Province et le transmettre au Gouverneur de Province qui à son tour le transmet au Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions pour approbation;
12° gutegura imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari y'Intara kugira ngo ishyikirizwe inzego zibishinzwe;	12° to prepare the draft budget proposal of the Province and submit it to the relevant organs;	12° préparer l'avant-projet de budget de la Province pour sa transmission aux instances habilitées;
13° gukora undi murimo wose yahabwa na Guverineri w'Intara ujyanye n'inshingano z'Intara.	13° to perform such other task within the scope of the responsibilities of the Province as may be assigned to him/her by the Governor of Province.	13° accomplir tout autre tâche relevant des attributions de la Province qui lui serait assignée par le Gouverneur de Province.
Mu mirimo ye, Umunyamabanga Nshingwabikorwa agenzurwa na Guverineri w'Intara.	The Executive Secretary shall be supervised by the Governor of Province in performing his/her duties.	Le Secrétaire Exécutif est supervisé dans ses fonctions par le Gouverneur de Province.
Iyo Umunyamabanga Nshingwabikorwa adahari, Guverineri w'Intara ashiraho	In case of absence of the Executive Secretary, the Governor of Province shall appoint his/her	En cas d'absence du Secrétaire Exécutif, le Gouverneur de Province nomme

Official Gazette n° 19 of 13/05/2013

umusimbura by'agateganyo mu bakozi bari ku rwego rw'ubuyobozi.

Ingingo ya 12: Ishyirwaho n'ivanwaho ry'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara ashwirwaho kandi akavanwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Ingingo ya 13: Ibigenerwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa

Umushahara n'ibindi bigenerwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa bigenwa n'iteka rya Perezida.

UMUTWE WA IV: IMIKORERE Y'INTARA

Ingingo ya 14: Imitunganyirize y'imirimo y'Intara

Imitunganyirize y'imirimo y'Intara n'inshingano z'abakozi bishyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Ingingo ya 15: Inyandiko zitumira Guverineri n'abakozi b'Intara

Ubutumire bw'inama zitumirwamo Guverineri w'Intara buvuye hanze y'Intara, bunyuzwa kuri Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze.

replacement from among staff members at the Director level.

Article 12: Appointment and removal of the Executive Secretary of Province from office

The Executive Secretary of Province shall be appointed and removed from office by a Prime Minister's Order.

Article 13: Benefits allocated to the Executive Secretary

The salary and other allowances allocated to the Executive Secretary shall be determined by a Presidential Order.

CHAPTER IV: FUNCTIONING OF THE PROVINCE

Article 14: Organizational structure of the Province

The organizational structure of the Province and duties of its staff members shall be determined by a Prime Minister's Order.

Article 15: Notices of meeting addressed to the Governor and staff members of the Province

Notices of meetings addressed to the Governor of Province shall be sent to her/him through the Minister in charge of local government.

temporairement son remplaçant parmi le personnel ayant rang de directeur.

Article 12 : Nomination et révocation du Secrétaire Exécutif de Province

Le Secrétaire Exécutif de Province est nommé et révoqué par arrêté du Premier Ministre.

Article 13 : Avantages accordés au Secrétaire Exécutif

Le salaire et autres avantages accordés au Secrétaire Exécutif sont déterminés par arrêté présidentiel.

CHAPITRE IV: FONCTIONNEMENT DE LA PROVINCE

Article 14 : Structure organisationnelle de la Province

La structure organisationnelle de la Province et les fonctions de son personnel sont déterminées par arrêté du Premier Ministre.

Article 15 : Invitations adressées au Gouverneur et au personnel de la Province

Les invitations aux réunions adressées au Gouverneur de Province en provenance de l'extérieur de la Province lui sont envoyées sous couvert du Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions.

Official Gazette n° 19 of 13/05/2013

Ubutumire bw'inama zitumirwamo abakozi bo ku Ntara bwohererezwa Guverineri w'Intara, Minisitiri ufite Ubutegezi bw'Igihugu mu nshingano ze akabimenyeshwa.

Notices of meetings addressed to the staff of the Province to meetings shall be addressed to the Governor of Province with a copy to the Minister in charge of local government.

Les invitations aux réunions destinées au personnel de la Province sont adressées au Gouverneur de Province avec copie pour information au Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions.

Ingingo ya 16: Inyandiko z'akazi

Inyandiko z'akazi hagati y'Ubuyobozi bw'Intara n'izindi nzego z'ubutegezi ku rwego rw'Igihugu n'izo hagati y'Umuyobozi w'Akarere na Guverineri w'Intara zimenyeshwa Minisitiri ufite ubutegezi bw'Igihugu mu nshingano ze.

Article 16: Official correspondence

The Minister in charge of local government shall be given copies of correspondences between the administration of the Province and other institutions in the country and between the Mayor of the District and the Governor of Province.

Article 16 : Correspondances officielles

Le Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions reçoit les copies des correspondances officielles entre l'administration de la Province et les autres institutions du pays, ainsi que de celles entre le Maire de District et le Gouverneur de Province.

Inyandiko z'akazi hagati ya ba Guverineri b'Intara cyangwa hagati ya Guverineri w'Intara n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali zimenyeshwa Minisitiri ufite ubutegezi bw'Igihugu mu nshingano ze.

The Minister in charge of local government shall be given copies of official correspondence between Governors of Province or between the Governor of Province and the Mayor of Kigali City.

Le Ministre ayant l'administration locale dans ses responsabilités reçoit les copies des correspondances entre les Gouverneurs de Province ou entre le Gouverneur de Province et le Maire de la Ville de Kigali.

Inyandiko z'akazi hagati ya Guverineri w'Intara n'Abahagarariye Ibihugu byabo mu Rwanda cyangwa inyandiko z'akazi hagati ya Guverineri w'Intara n'Abahagarariye Imiryango Mpuzamahanga mu Rwanda zinyuzwa kuri Minisitiri ufite ubutegezi bw'Igihugu mu nshingano ze, na we akazicisha kuri Minisitiri ufite ububanyi n'amahanga n'ubutwererane mu nshingano ze, akazikorera inyandiko zizohereza.

Official correspondence between the Governor of Province and Heads of Diplomatic and Consular Missions accredited to Rwanda and those between the Governor of Province and representatives of International Organizations based in Rwanda shall be sent through the Minister in charge of local government who in turn, shall send them to the Minister in charge of foreign affairs who prepares the accompanying Note Verbale.

Les correspondances officielles entre le Gouverneur de Province et les chefs de missions diplomatiques et consulaires accrédités au Rwanda ou celles entre le Gouverneur de Province et les représentants des organisations internationales œuvrant au Rwanda sont envoyées sous couvert du Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions qui à son tour les envoie au Ministre ayant les affaires étrangères dans ses attributions qui établit la note verbale qui les accompagne.

Official Gazette n° 19 of 13/05/2013

Ingingo ya 17: Komite y'Umutekano

Hashyizweho Komite y'Umutekano mu Ntara. Inshingano, imiterere n'imikorere byayo bigenwa n'iteka rya Perezida.

Article 17: Security Committee

There is hereby established a Security Committee in the Province. Its responsibilities, organization and functioning shall be determined by a Presidential Order.

Article 17: Comité de Sécurité

Il est créé un Comité de Sécurité dans la Province. Ses attributions, son organisation et son fonctionnement sont déterminés par arrêté présidentiel.

UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 18: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

CHAPTER V: FINAL PROVISIONS

Article 18: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES

Article 18: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Ingingo ya 19: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Itegeko n° 01/2006 ryo kuwa 24/01/2006 rigenga imitunganyirize n'imikorere by'Intara n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

Article 19: Repealing provision

Law n° 01/2006 of 24/01/2006 establishing the organization and functioning of the Province and all prior legal provisions inconsistent with this Law are hereby repealed.

Article 19: Disposition abrogatoire

La Loi n° 01/2006 du 24/01/2006 portant organisation et fonctionnement de la Province et toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Ingingo ya 20: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Article 20: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 20: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa 25/03/2013

Kigali, on 25/03/2013

Kigali, le 25/03/2013

Official Gazette n° 19 of 13/05/2013

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEGEKO N°18/2013 RYO KUWA
25/03/2013 RYEMERERA KWEMEZA
BURUNDU AMASEZERANO
ADAHATIRWA Y'INYONGERA KU
MASEZERANO MPUZAMAHANGA
YEREKEYE UBURENGANZIRA KU
BIJYANYE N'UBUKUNGU, IMIBEREHO
MYIZA N'UMUCO, YEMEJWE
N'INTEKO RUSANGE Y'UMURYANGO
W'ABIBUMBYE, I NEW YORK KU WA
10 UKUBOZA 2008

LAW N°18/2013 OF 25/03/2013
AUTHORISING THE RATIFICATION
OF THE OPTIONAL PROTOCOL TO
THE INTERNATIONAL COVENANT ON
ECONOMIC, SOCIAL AND CULTURAL
RIGHTS, ADOPTED BY THE UNITED
NATIONS GENERAL ASSEMBLY, IN
NEW YORK ON 10 DECEMBER 2008

LOI N°18/2013 DU 25/03/2013
AUTORISANT LA RATIFICATION DU
PROTOCOLE FACULTATIF AU PACTE
INTERNATIONAL SUR LES DROITS
ECONOMIQUES, SOCIAUX ET
CULTURELS, ADOPTE PAR
L'ASSEMBLEE GENERALE DE
L'ORGANISATION DES NATIONS
UNIES, A NEW YORK EN DATE DU 10
DECEMBRE 2008

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: Uruhushya rwo kwemeza
burundu

Article One: Authorization for ratification

Article premier: Autorisation de ratification

Ingingo ya 2: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa
ry'iri tegeko

Article 2: Drafting, consideration and
adoption of this Law

Article 2: Initiation, examen et adoption de
la présente loi

Ingingo ya 3: Igihe iri tegeko ritangira
gukurikizwa

Article 3: Commencement

Article 3: Entrée en vigueur

ITEGEKO N°18/2013 RYO KUWA 25/03/2013 RYEMERERA KWEMEZA BURUNDU AMASEZERANO ADAHATIRWA Y'INYONGERA KU MASEZERANO MPUZAMAHANGA YEREKEYE UBURENGANZIRA KU BIJYANYE N'UBUKUNGU, IMIBEREHO MYIZA N'UMUCO, YEMEJWE N'INTEKO RUSANGE Y'UMURYANGO W'ABIBUMBYE , I NEW YORK KU WA 10 UKUBOZA 2008

Twebwe KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 07 Gashyantare 2013;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 21 Gashyantare 2013;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108,

LAW N°18/2013 OF 25/03/2013 AUTHORISING THE RATIFICATION OF THE OPTIONAL PROTOCOL TO THE INTERNATIONAL COVENANT ON ECONOMIC, SOCIAL AND CULTURAL RIGHTS, ADOPTED BY THE UNITED NATIONS GENERAL ASSEMBLY, IN NEW YORK ON 10 DECEMBER 2008

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 07 February 2013;

The Senate, in its session of 21 February 2013;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June, 2003 as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 189, 190 and 201;

LOI N°18/2013 DU 25/03/2013 AUTORISANT LA RATIFICATION DU PROTOCOLE FACULTATIF AU PACTE INTERNATIONAL SUR LES DROITS ECONOMIQUES, SOCIAUX ET CULTURELS, ADOPTE PAR L'ASSEMBLEE GENERALE DE L'ORGANISATION DES NATIONS UNIES, A NEW YORK EN DATE DU 10 DECEMBRE 2008

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, réunie en sa séance du 07 février 2013 ;

Le Sénat, réuni en sa séance du 21 février 2013;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 189, 190 et 201;

Official Gazette n° 19 of 13/05/2013

iya 189, 190 n'ya 201;

Imaze gusuzuma Amasezerano adahatirwa y'inyongera ku Masezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu bijyanye n'ubukungu, imibereho myiza n'umuco, yemejwe n'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye, i New York kuwa 10 Ukuboza 2008;

Having considered the Optional Protocol to the International Covenant on Economic, Social and Cultural Rights, adopted by the United Nations General Assembly, in New York on 10 December 2008;

Après examen du Protocole Facultatif au Pacte International sur les Droits Economiques, Sociaux et Culturels, adopté par l'Assemblée Générale de l'Organisation des Nations Unies, à New York en date du 10 décembre 2008;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTÉ:

Ingingo ya mbere: Uruhushya rwo kwemeza burundu

Article One: Authorization for ratification

Article premier: Autorisation de ratification

Amasezerano adahatirwa y'inyongera ku Masezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu bijyanye n'ubukungu, imibereho myiza n'umuco, yemejwe n'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye, i New York kuwa 10 Ukuboza 2008, yemerewe kwemezwa burundu.

The Optional Protocol to the International Covenant on Economic, Social and Cultural Rights, adopted by the United Nations General Assembly, in New York on 10 December 2008, is hereby authorized for ratification.

Le Protocole Facultatif au Pacte International sur les Droits Economiques, Sociaux et Culturels, adopté par l'Assemblée Générale de l'Organisation des Nations Unies à New York en date du 10 décembre 2008, est autorisé à être ratifié.

Ingingo ya 2: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Article 2: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 2: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Ingingo ya 3: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Article 3: Commencement

Article 3 : Entrée en vigueur

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Official Gazette n° 19 of 13/05/2013

Kigali, kuwa 25/03/2013

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on 25/03/2013

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le 25/03/2013

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI N° 35/08.11
RYO KUWA 22/02/2012 RIHA
UBUZIMAGATOZI UMURYANGO
« EGLISE EVANGELIQUE Guilgal au
Rwanda :“E.E.G.R“ » KANDI RYEMERA
ABAVUGIZI BAWO

MINISTERIAL ORDER N° 35/08.11 OF
22/02/2012 CRATING LEGAL STATUTS
TO THE ASSOCIATION
« EGLISE EVANGELIQUE Guilgal au
Rwanda :“E.E.G.R“»
AND APPROVING ITS LEGAL
REPRESENTATIVES

ARRETE MINISTERIEL N° 35/08.11 DU
22/02/2012 ACCORDANT LA
PERSONNALITE CIVILE A
L'ASSOCIATION «EGLISE
EVANGELIQUE Guilgal au
Rwanda:“E.E.G.R“» ET PORTANT
AGREMENT DE SES REPRESENTANTS
LEGAUX

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: Izina n'icyicaro
by'umuryango

Article One: Name and Head office of the
Association

Article premier: Dénomination et siège de
l'association

Ingingo ya 2: Intego z'umuryango

Article 2: Objectives of the association

Article 2: Objectifs de l'Association

Ingingo ya 3: Abavugizi b'Umuryango

Article 3: Legal representanttives

Article 3: Représentants Légaux

Ingongo ya 4: Igihe iteka ritangira
gukurikizwa

Article 4: Commencement

Article 4: Entrée en vigueur

Official Gazette n° 19 of 13/05/2013

**ITEKA RYA MINISITIRI N°35/08.11
RYO KUWA 22/02/2012 RIHA
UBUZIMAGATOZI UMURYANGO
« EGLISE EVANGELIQUE Guilgal au
Rwanda :“E.E.G.R“ » KANDI RYEMERA
ABAVUGIZI BAWO**

**MINISTERIAL ORDER N° 35/08.11 OF
22/02/2012 CRATING LEGAL STATUTS
TO THE ASSOCIATION
« EGLISE EVANGELIQUE Guilgal au
Rwanda :“E.E.G.R“»
AND APPROVING ITS LEGAL
REPRESENTATIVES**

**ARRETE MINISTERIEL N° 35/08.11 DU
22/02/2012 ACCORDANT LA
PERSONNALITE CIVILE A
L'ASSOCIATION «EGLISE
EVANGELIQUE Guilgal au
Rwanda:“E.E.G.R“» ET PORTANT
AGREMENT DE SES REPRESENTANTS
LEGAUX**

**Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya
Leta,**

The Minister of Justice/Attorney General,

Le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux,

